Repubulika y'u Rwanda

Intara y'Iburengerazuba

**Akarere ka Rutsiro**

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABYIFUZA KUZA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE /HEALTH POST**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro buramenyesha abantu babyifuza, babifitiye ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa gupiganira gucunga amavuriro y'ibanze ( Health Post) mu rwego rwa " Public Private Community Patnership" ko bwifuza kwegurira ba Rwiyemeza mirimo amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere (FGHP) akurikira kugira ngo bayakoreshe:

| N° IZINA RYA HP | AKARERE | UMURENGE | URWEGO RWA HP |
|---|---|---|---|
| 1. NKIRA HP | RUTSIRO | BONEZA | FGHP |
| 2. TEBA | RUTSIRO | GIHANGO | FGHP |
| 3. KABUGA | RUTSIRO | MUKURA | FGHP |
| 4. HANIRO | RUTSIRO | MANIHIRA | FGHP |
| 5. RUGEYO | RUTSIRO | MURUNDA | FGHP |
| 6. MAGERAGERE | RUTSIRO | MUSHUBATI | FGHP |
| 7. RWINYONI | RUTSIRO | KIVUMU | FGHP |
| 8. RUNDOYI | RUTSIRO | RUHANGO | FGHP |

**IBIKENEWE KU MUNTU WIFUZA GUCUNGA IVURIRO RY'IBANZE**

1. Ibaruwa isaba gucunga ivuriro ry'ibanze yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro (usaba agaragaza ivuriro asaba n'urwego rwaryo);
2. Umwirondoro wuzuye / "curriculum vitae"
3. Fotokopi ya dipolome iriho umukono wa Noteri yo ku rwego rwa A2/A1 cyangwa A0 mu mwuga w'ubuforomo / "clinical medicine and community health" n'Umubyaza aremerewe. Icyakora ku bize mu mahanga hongerwaho na "Equivalence"
4. Fotokopi y'icyangombwa (licence) kimwemerera gukora umwuga w'ubuvuzi kitararenza igihe;
5. Fotokopi y'indangamuntu;
6. Icyemezo cy'umukoresha wa nyuma kigaragaza uburambe mu kazi;
7. Igihe usaba ivuriro ry'ibanze atize umwuga w'ubuvuzi asabwe gutanga ibyangombwa bigaragaza ko abakozi azakoresha bujuje ibisabwa , akanagaragaza kandi ko uwo mukozi azakurikirana ibikorwa by'ubuvuzi;
8. Kugaragaza ubushobozi mu mafaranga azatuma ivuriro rikora neza mu mezi cumi n'abiri kuva igihe rwiyemezamirimo atangiye imirimo (bank statement);

**Icyitonderwa :**

1. Utsindiye ivuriro ry'ibanze (HP) agomba kwemera gukorana na "RSSB" kandi akubahiriza amasezerano bagiranye;

2. Utsindiye ivuriro ry'ibanze agomba guhita atangira gukora akimara guhabwa amasezerano y'Akarere n'aya RSSB " nk'uko bikubiye mu mabwiriza ya Minisiteri y'Ubuzima yo muri Mutarama 2022;

3. Uwifuza gupiganira gucunga ivuriro ry'ibanze kandi wujuje ibisabwa byavuzwe haruguru yohereza ibyangombwa bisabwa (scanned and signed documents ) kuri Email y'Akarere ka Rutsiro info@rutsiro.gov.rw bitarenze ku wa gatanu tariki ya 25 Ukwakira 2024 saa kumi n'imwe (17h00) z'umugoroba.

4. Uzagaragaza ubusabe bwe nyuma y'igihe cyatanzwe ntibuzahabwa agaciro.
   *Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni **0788592725** ( Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere ka Rutsiro ).*

Bikorewe i Rutsiro ku wa 26/09/2024

**KAYITESI Dative**
Umuyobozi w'Akarere ka **Rutsiro**